Waba ushaka kwandika programmes za mudasobwa?
Waba se ushaka gukorera amafaranga?
Waba se ubishaka byombi?

Ni mu mwaka wa 2007 komite ya Summer of Code ya Google yahurije hamwe abanyeshuri 900 n'abarimu bagera ku 1500 baturuka mu bihugu 90 kugirango bakore ku ma programmes 130 atandukanye atishyurwa.Turimo gushaka abandi barimu n'abandi banyeshuri kugira ngo bazahure muri urwo rwego muri uyu mwaka wa 2008 muri gahunda idasanzwe ya Summer of Code mu bihe byose! Dutanga igihembo kubaje kudufasha, cy'amafaranga agera ku 4500 bya madolari y'amanyamerika ku banyeshuri batsinze projets zabo, tukanabafasha no kuzikurikirana mu gihe kigera ku mezi atatu.

Gahunda Summer of Code ya Google yashinzwe mu rwego rwo gufasha abanyeshuri gukangukira gukora ama programmes ya mudasobwa atishyurwa. Yatangijwe mu mwaka wa 2005, ifite inshingano nyinshi zitandukanye:

- Kuzamura urubyiruko mu gutangira gukora ama programmes ya mudasobwa atishyurwa
- Guha abanyeshuri biga ubumenyi n'ikoranabuhanga(n'andi mashami asa n'ayo) amahirwe yo gukora mu gihe cy'impeshyi ibijyanye n'ibyo biga mu bihe bisanzwe
- Guha abanyeshuri akamenyero ko gukora ibintu byo mu buzima busanzwe (yenda nk'urugero, gukorana ama projets n'abantu batandukanye ku isi hose, uburyo butandukanye bwo gutanga uruhushya mu gukoresha ama programmes y'abandi, uburyo bwo kwitwara mu gutanga ibibazo n'ibisubizo kuri internet ku kibazo iki n'iki, n'ibindi)
- Gukora k'uburyo programmes zikorwa zikanagira akamaro kuri bose
- Gufasha ama projects ya prorammes zitishyurwa no kuzamura abandi bantu mu gukora ama programmes

Google izemera aba candidats muri izi projects za programmes zitishyurwa babyifuza guhera ku wa 3 kugeza ku wa 12 Werurwe 2008. Impapuro zibisaba zizemerwa hagati yo ku wa 24 na 31 Werurwe.

Ibisobanuro birambuye by'ibisabwa, birimo uburyo bwo kubisaba n'ibindi kugeza ku gahebuzo k'umupira wo kwambara biri kuri

http://code.google.com/soc/